ITEGEKO Nº 15/2010 RYO KUWA 07/05/2010 RISHYIRAHO KANDI RIGENA IMITERERE Y'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IMIHANGO IJYANYE N'IYANDIKISHA RYAYO

LAW N°15/2010 OF 07/05/2010 CREATING AND ORGANIZING CONDOMINIUMS AND SETTING UP PROCEDURES FOR THEIR REGISTRATION

LOI Nº 15/2010 DU 07/05/2010 PORTANT CREATION, ORGANISATION ET ENREGISTREMENT DES IMMEUBLES EN COPROPRIETE

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3 : Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 4 : Ibigize isangiramutungo ku nyubako

UMUTWE WA KABIRI: GUSHYIRAHO NO GUCUNGA INYUBAKO ZIRI MU ISANGIRAMUTUNGO

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Scope of this law

Article 4: Condominium units

CHAPTER II: ESTABLISHMENT AND ADMINISTRATION OF A CONDOMINIUM

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Composantes de l'immeuble en copropriété

CHAPITRE II: CREATION ET ADMINISTRATION D'UN IMMEUBLE EN COPROPRIETE

Icyiciro cya mbere: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako	**Section One: Establishment of a condominium**	**Section première: Création d'une copropriété immobilière**
Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako	**Article 5: Establishment of a condominium**	**Article 5: Création d'une copropriété immobilière**
Ingingo ya 6 : Amategeko shingiro agenga ishyirahamwe	**Article 6: Articles of the Association**	**Article 6: Statuts de l'Association**
Ingingo ya 7 : Intego z'ishyirahamwe	**Article 7: Purpose of the association**	**Article 7: Objet de l'association**
Ingingo ya 8 : Iyandikisha ry'ishyirahamwe ry'isangiramutugo ku nyubako	**Article 8: Registration of an association in a condominium**	**Article 8: Enregistrement de l'association des co-propriétaires d'un immeuble**
Icyiciro cya kabiri: Imitunganyirize y'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Section II: Organization of an association in a condominium**	**Section II: Organisation d'une association des copropriétaires d'un immeuble**
Ingingo ya 9 : Ibikorwa biteza imbere ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 9: Economic activities of the association of co-owners in a condominium**	**Article 9: Activités économiques de l'association des copropriétaires d'un immeuble**
Ingingo ya 10 : Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako	**Article 10: Maintenance of a condominium unit**	**Article 10 : Entretien d'une composante d'un immeuble en copropriété**
Ingingo ya 11 : Inshingano z'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 11: Obligations of the association of co-owners**	**Article 11: Obligations de l'association des copropriétaires**
Ingingo ya 12 : Ububasha bw'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 12: Powers of the association of co-owners**	**Article 12 : Pouvoirs de l'association des copropriétaires**

Ingingo ya 13 : Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 13: Membership in the association of co-owners in a condominium**	**Article 13: Qualité de membre de l'association des copropriétaires d'un immeuble**
Ingingo ya 14 : Ubwishingizi bw'umutungo w'ishyirahamwe	**Article 14: Insurance of the association's property**	**Article 14: L'assurance du patrimoine de l'association**
Ingingo 15: Uburyozwe bw'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 15: Liability of the association of co-owners**	**Articles 15 : Responsabilité de l'association des copropriétaires**
UMUTWE WA GATATU: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'ABASANGIYE UMUTUNGO MU ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO	**CHAPTER III: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF CO-OWNERS IN A CONDOMINIUM**	**CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DES CO-PROPRIETAIRES D'UN IMMEUBLE**
Ingingo ya 16: Ihererekanya ry'ibice bigize inyubako isangiwe	**Article 16: Transferability of units in a condominium**	**Article 16: Transférabilité des composantes d'un immeuble en copropriété**
Ingingo ya 17: Aho uburenganzira bugarukira	**Article 17: Limitations of rights**	**Article 17 : Limitations des droits**
Ingingo ya 18 : Umutungo usangiwe mu isangiramutungo ku nyubako	**Article 18: Common elements in a condominium**	**Article 18 : Eléments communs au sein d'un immeuble en copropriété**
Ingingo ya 19 : Uburenganzira ku mutungo usangiwe	**Article 19: Rights over common elements**	**Article 19: Droits sur les éléments communs**
Ingingo ya 20 : Uruhare mu isangiramutungo ku nyubako	**Article 20: Co-share of participation in a condominium**	**Article 20: Quote-part au sein d'un immeuble en copropriété**

Ingingo ya 21: Ibihinduka mu isangiramutungo ku nyubako	**Article 21: Improvements to a condominium**	**Article21: Aménagements au sein d'un immeuble en copropriété**
Article 22 : Uburenganzira n'inshingano mu gihe habaye igurisha ry'ibice by'isangiramutungo ku nyubako	**Article 22: Rights and obligations in case of sale of units in a condominium**	**Article 22: Droits et obligations en cas de vente des composantes d'un immeuble en copropriété**
Ingingo ya 23: Inshingano za nyir'igice ku birebana no kwita no gusana igice cy'isangiramutungo ku nyubako	**Article 23: Obligations of a unit owner as regards maintenance and repair of a unit in a condominium**	**Article 23: Obligations du propriétaire d'une composante d'un immeuble en copropriété eu égard à son entretien et à sa réparation**
Ingingo ya 24 : Korohereza cyangwa guhabwa inzira ku mutungo utimukanwa	**Article 24: Easements**	**Article 24 : Servitudes**
Ingingo ya 25 : Isoreshwa ry'ibice byo mu isangiramutungo ku nyubako	**Article 25: Taxation on condominium units**	**Article 25: Imposition des composantes d'un immeuble en copropriété**
UMUTWE WA IV: IYANDIKISHA RY'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IBICE BYAYO	**CHAPTER IV: REGISTRATION OF A CONDOMINIUM AND ITS UNITS**	**CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT D'UN IMMEUBLE EN COPROPRIETE ET DE SES UNITES**
Ingingo ya 26 : Ibyandikwa mu isangiramutungo ku nyubako	**Article 26: Registration subjects in a condominium**	**Article 26: Sujets d'enregistrement au sein d'un immeuble en copropriété**
Ingingo ya 27: Igitabo cyandikwamo ibice by' isangiramutungo ku nyubako	**Article 27: Register for condominium units**	**Article 27 : Registre des composantes d'un immeuble en copropriété**

Ingingo ya 28 : Itambamira n'izindi nyandiko	**Article 28: Caveats and other inscriptions**	**Article 28 : Opposition et autres inscriptions**
Ingingo ya 29 Amafaranga yo kwandikisha isangiramutungo ku nyubako	**Article 29: Condominium registration fees**	**Article 29: Frais d'enregistrement d'un immeuble en copropriété**
UMUTWE WA GATANU: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 30: Guha agaciro iyandikisha ry'uburenganzira mu isangiramutungo ryakozwe	**Article 30: Validation of existing condominium registration**	**Article 30: Validation de l'enregistrement effectué pour les immeubles en copropriété**
Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 31: Drafting, consideration and adoption of this law**	**Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 32: Repealing of inconsistent provisions**	**Article 32 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 33: Commencement**	**Article 33: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 15/2010 RYO KUWA 07/05/2010 RISHYIRAHO KANDI RIGENA IMITERERE Y'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IMIHANGO IJYANYE N'IYANDIKISHA RYAYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 22 Mata 2010 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 29, iya, 30, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

LAW N°15/2010 OF 07/05/2010 CREATING AND ORGANIZING CONDOMINIUMS AND SETTING UP PROCEDURES FOR THEIR REGISTRATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 22 April 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4th June 2003, as amended to date, especially in Articles 29, 30, 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 and 201 ;

LOI Nº 15/2010 DU 07/05/2010 PORTANT CREATION, ORGANISATION ET ENREGISTREMENT DES IMMEUBLES EN COPROPRIETE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés en sa séance du 22 avril 2010 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que revisée à ce jour, spécialement en ses Articles 29, 30, 49, 62, 90, 92, 93, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 08/2005 ryo kuwa 14 Nyakanga 2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;	Pursuant to Organic Law nº 08/2005 of 14 July 2005 relating to use and management of land in Rwanda, especially in Article 30 ;	Vu la Loi Organique nº 08/2005 du 14 juillet 2005 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en son Article 30;
Ishingiye ku Itegeko ryo kuwa 31 Nyakanga 1912 rishyiraho Interuro ya mbere y'amategeko mbonezamubano witwa "ibyerekeye ibintu n'imihindagurikire y'umutungo", nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;	Pursuant to Decree of 31st July 1912 establishing Title one of the Civil Code book entitled "property and different modifications of the property", as modified to date;	Vu le Décret du 31 juillet 1912 formant le titre premier du code civil intitué "des biens et des différentes modifications de la propriété", tel que modifié jusqu'à ce jour;
Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 30 Kamena 1913 rishyiraho Interuro ya II y'amategeko mbonezamubano witwa "ibyerekeye ibintu n'imihindagurikire y'umutungo", nk'uko ryahinduwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo ya 16, iya 22, iya 34 bis n'iya 34 ter ;	Reviewing Decree of 30 June 1913 establishing Title II of the Civil Code book entitled "property and different modifications of the property", as modifiEd to date; especially in Articles 16, 22, 34 bis and 34 ter	Revu le Décret du 30 juin 1913 formant le titre II du code civil intitulé "des biens et des différentes modifications de la propriété » tel que modifié à ce jour, spécialement en ses articles 16, 22, 34 bis and 34 ter ;
Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 06 Gashyantare 1920 rishyiraho Interuro ya III y'amategeko mbonezamubano witwa "ibyerekeye ibintu n'imihindagurikire y'umutungo", nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;	Reviewing Decree of 6 February 1920 establishing Title III of the Civil Code book entitled "property and different modifications of the property", as modified to date;	Revu le Décret du 06 février 1920 formant le titre III du code civil intitué "des biens et des différentes modifications de la propriété » tel que modifié à ce jour;
YEMEJE:	**ADOPTS** :	**ADOPTE :**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho kandi rikagena imiterere y'isangiramutungo ku nyubako n'imihango ijyanye n'iyandikisha ryayo.

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura **:**

1° **Ishyirahamwe rya ba nyir'umutungo mu isangiramutungo ku nyubako :** ishyirahamwe rigizwe nibura n'abantu babiri (2) bagamije gushyiraho uburyo bunoze bw'imicungire n'imiyoborere, no gukoresha umutungo utimukanwa mu buryo bw'isangiramutungo ku nyubako. Iryo shyirahamwe ntirigamije ubucuruzi;

2° **Isangiramutungo ku nyubako :** uburyo bwo kugira uburenganzira bubangikanye ku mutungo utimukanwa ku buryo igice kimwe cy'uwo mutungo kiba gihuriweho muri rusange naho ikindi ari icy'umuntu ku giti cye;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One : **Purpose of this Law**

This Law creates and organises condominiums and sets up procedures for their registration.

Article 2: Definitions of terms

Under this law, the following terms shall be defined as follows **:**

1° **Association of Owners in a condominium** *:* a non-commercial organization of at least two (2) owners in a condominium associated for the purpose of proper administration, maintenance and operation of the real estate under the condominium;

2° **Condominium** : a type of joint ownership of real estate in which portions of the property are commonly owned and other portions are individually owned;

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : **Objet de la présente loi**

La présente loi porte création et organisation des immeubles en copropriété et fixe les procédures de leur enregistrement.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit **:**

1° **Association des copropriétaires d'un immeuble en copropriété** : une organization non commerciale d'au moins deux (2) propriétaires d'un immeuble en copropriété ayant comme objectif de fixer les modalités appropriées d'administration, d'entretien et de fonctionnement de l'immeuble en copropriété;

2° **Copropriété immobilière:** une sorte de propriété immobilière conjointe dans laquelle certaines portions sont communes à tous les propriétaires alors que d'autres appartiennent aux propriétaires de façon individuelle;

3° **Ibice rusange** : ibice bigize inyubako n'izindi nyubako zose byagenewe gukoreshwa na ba nyir'isangiramutungo utimukanwa bose;	3° **Common elements*:*** parts of a building and other buildings which are designed for common use by all owners of the condominium;	3° **Eléments communs:** parties d'un bâtiment ou autres biens immeubles destinés à l'usage commun par tous les copropriétaires d'un immeuble en copropriété;
4° **Inyubako igaragira** : ikintu kitimukanwa cyubatseho cyangwa kitubatseho kigomba korohereza no gutanga inzira;	4° **Servient tenement**: developed or undeveloped land which is burdened with an easement;	4° **Fonds servant** : immeuble bâti ou non bâti assujeti à une servitude ;
5° **Inyubako igaragiwe** : ikintu kitimukanwa cyubatseho cyangwa kitubatseho kigomba koroherezwa cyangwa guhabwa inzira;	5° **Dominant tenement**: developed or undeveloped land which benefits from an easement;	5° **Fonds dominant** : immeuble bâti ou non bâti en faveur duquel la servitude est imposée ;
6° Umugabane wa nyir'umutungo : umugabane wa buri nyir'umutungo ku mutungo utimukanwa uhuriweho mu nyubako**;**	6° **Co-share of participation:** a property share of each owner in a condominium;	6° **Quote-part:** part de chaque propriétaire sur l'immeuble en copropriété;
7° **Nyir'umutungo :** umuntu cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi kandi ufite umutungo utimukanwa mu isangiramutungo ku nyubako.	7° **Property owner***:* a natural person or legal entity owning an immovable property in a condominium.	7° **Propriétaire:** une personne physique ou morale propriétaire d'un bien immeuble dans un immeuble en copropriété.

<u>Ingingo ya 3 :</u> Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibi bikurikira:

1° kwemeza isangira ry'inyubako mu isangiramutungo;

2° gucunga no kwita ku nyubako ziri mu isangiramutungo;

3° guhuza imibanire y'abantu bahuriye ku isangiramutungo ku nyubako;

4° kwandikisha isangiramutungo ku nyubako n'ibice biyigize.

<u>Article 3:</u> Scope of this law

This Law deals with:

1° recognition of co-ownership in a condominium;

2° management and administration of a condominium;

3° relationship between owners under a condominium;

4° registration of a condominium and units thereof.

<u>Article 3</u>: Champ d'application de la présente loi

La présente loi porte:

1° reconnaissance de la co-propriété sur les immeubles en copropriété ;

2° gestion et administration de la copropriété immobilière ;

3° relations de copropriétaires d'un immeuble;

4° enregistrement de l'immeuble en copropriété et ses composantes.

<u>Ingingo ya 4 </u>: Ibigize isangiramutungo ku nyubako

Isangiramutungo rigirwa na:

1° inyubako, ibice by'inyubako bifite imiryango itandukanye cyangwa inyubako nyinshi z'abantu nibura babiri (2), bafite ibibanza bifite imbago zegeranye bumvikanyeho n'ibindi byose bifatanye n'inyubako; inkengero z'abanyamaguru,

<u>Article 4:</u> Condominium units

A condominium comprises:

1° a building, parts of the building with separate entrances or several buildings belonging to at least two (2) property owners, with the adjacent land plot within the established boundaries, as well as the attachments to the buildings,

<u>Article 4</u>: Composantes de l'immeuble en copropriété

Un immeuble en copropriété est composé de:

1° un bâtiment, des parties du bâtiment ayant des entrées distinctes ou plusieurs bâtiments appartenant au moins à deux (2) personnes, avec des parcelles contigues à l'interieur des bornes définies ainsi que des accessoires à ces

imihanda, aho bahagarika ibinyabiziga, ibirongozi, amabaraza, ubusitani n'ibindi byose bihana imbibi biri kuri icyo kibanza;

pavements for pedestrians, roads, parking lots, hallways, balconies, green perennials and other adjacent objects located on this land plot;

bâtiments ; des trottoirs pour piétons, des routes, des parkings, des couloirs, des vérandas, des jardins et d'autres objets contigus, implantés sur cette parcelle;

2° inyubako nyinshi ziri hamwe nko mu mudugudu, nk' amazu atuwemo n'umuryango, amazu mato afite cyangwa adafite ikibanza bahana imbibi, aho babika imodoka n'ibindi bintu bihurijwe mu nyubako mu kibanza kimwe n'ibikigize byose;

2° several buildings or edifices which are compactly located, such as residential houses for one family, cottages with adjacent land or without such land, garages and other objects united within a single land plot with all elements of infrastructure;

2° plusieurs bâtiments ou édifices en agglomérations, notamment les maisons de résidence pour une famille, petites maisons avec ou sans espace contigu, des garages et autres objets unis sur une même parcelle aux éléments d'infrastructure ;

3° ibice by'ibyumba by'igorofa ifite imiryango itandukanye n'ibikoresho bya tekiniki by'inyubako bitandukanye, ariko ku buryo ivugurura, isanwa cyangwa isenywa rya kimwe mu bice bitahungabanya ibindi bice by'iyo nyubako;

3° parts of a multi-apartment block of flats which has separate entrances and different technical implements, on condition that reconstruction, repair or demolition of one part shall not undermine the integrity of other parts of the same building.

3° composantes d'un bâtiment à plusieurs niveaux qui ont des entrées et des aménagements techniques distincts, pourvu que la reconstruction, la réparation ou la destruction d'une composante n'affecte pas d'autres parties du bâtiment.

Ibice bigize isangiramutungo utimukanwa birimo ibijyanye n'ingufu, itumanaho, ikoranabuhanga**,** amazi, gutwara imyanda, n'ibindi bifitiye akamaro ahantu harenze isangiramutungo, ariko bitagenewe gusa ibice by'isangiramutungo, bibarwa mu isangiramutungo kandi bikandikwa ku ishyirahamwe.

Parts of a condominium including installations of energy sector, telecommunications, technology, water and sewerage systems and other parts with strategic designation located on the condominium other than those serving properties in condominium are parts of condominium and registered under the association of co-owners.

Les composantes d'un immeuble en copropriété telles que les installations d'énergie, de télécommunications, de technologie, d'eau et de système d'écoulement des eaux et ordures ainsi que d'autres composantes à destination stratégique autres que celles affectées aux composantes de la copropriété font partie de la copropriété et sont enregistrés au nom de l'association.

Amazu yubatse mu bibanza bitandukanye ariko akaba afite inkuta rusange, akomeza kugengwa n'amategeko yihariye agenga isangirambibi.

Buildings with common walls erected on separate plots shall remain governed by the joint ownership legislation.

Les immeubles érigés sur des parcelles différentes mais ayant un ou des murs mitoyens restent régis par la législation sur la mitoyenneté.

UMUTWE WA KABIRI: GUSHYIRAHO NO GUCUNGA INYUBAKO ZIRI MU ISANGIRAMUTUNGO

CHAPTER II: ESTABLISHMENT AND ADMINISTRATION OF A CONDOMINIUM

CHAPITRE II: CREATION ET ADMINISTRATION D'UN IMMEUBLE EN COPROPRIETE

Icyiciro cya mbere: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako

Section one: Establishment of a condominium

Section première: Création d'une copropriété immobilière

Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako

Article 5: Establishment of a condominium

Article 5: Création d'une copropriété immobilière

Isangiramutungo ku nyubako rishyirwaho :

1° na ba nyir'umutungo usangiwe;

2° bisabwe n'urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo guteza imbere imiturire, iyo bigaragaye ko ibyangombwa by'isangiramutungo ku nyubako byuzuye.

A condominium is established:

1° by co-owners;

2° upon request by a public institution in charge of housing promotion, when conditions of a condominium are met.

Une copropriété immobilière est créée:

1° par les copropriétaires;

2° sur demande de l'institution publique ayant la promotion de l'habitat dans ses attributions lorsque les conditions de la copropriété sont réunies.

Ishyirahamwe rya ba nyir'umutungo utimukanwa rishyirwaho nta gihe kizwi rimara keretse amategeko shingiro arigenga abiteganya ukundi.

The association of owners of a condominium shall be established for an open-ended period of time unless its Articles of Association provide otherwise.

L'Association des copropriétaires est établie pour une durée indéterminée sauf si ses statuts le prévoient autrement.

Ingingo ya 6 : Amategeko shingiro agenga ishyirahamwe

Amategeko shingiro y'ishyirahamwe agomba kugira nibura ibi bikurikira:

1° guteganya igice cyangwa ijanisha ry'inyungu y'ibintu rusange n'ibyo bakoresha mu ishyirahamwe, uburyo bwo kugenera umubare w'amajwi mu matora y'ishyirahamwe kuri buri gice no gusobanura imibare bagendeyeho bashyiraho ijanisha bayigeneye;

2° ibishushanyo n'amakarita byerekana izina n'imiterere by'inyubako, ibipimo byayo, hamwe n'ibipimo by'ibikorwa byose byayikozweho n'aho ikibanza kiri n'ibipimo byacyo byemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;

3° aho bishoboka, kugaragaza ibikorwa byorohereza cyangwa bishobora kubangamira imikoreshereze y'ibice by'iyo nyubako;

4° aho ibice rusange by'inyubako biherereye n'ingano yabyo.

Article 6: Articles of Association

Articles of Association must include at least the following:

1° allocation of the fraction or percentage of undivided interests in the common elements and in the common expenses of the association, and a portion of the votes in the association to each unit and state the formula used to establish those allocations;

2° maps and plan which contain the name, nature and dimensions of the condominium complex and dimensions of all existing improvements as well as the location and dimensions of the plot approved by the competent organ;

3° where it is possible, indication of all easements serving or burdening any portions of the condominium ;

4° the location and dimensions of all common elements.

Article 6: Statuts de l'Association

Les statuts de l'Association doivent inclure au moins les points suivants:

1° prévision de la portion ou du pourcentage de l'intérêt indivis dans les parties communes et les dépenses communes de l'Association, l'allocation de voix de vote à chaque composante de l'Association ainsi que la formule utilisée pour ces prévisions;

2° les cartes et plans indiquant le nom, la nature et les dimensions de l'immeuble en copropriété, les dimensions de tous les aménagements y effectués ainsi que le lieu d'emplacement de la parcelle tels qu'ils ont été approuvés par l'organe compétent;

3° dans la mesure du possible, l'indication de toutes les servitudes dont sont grevés ou dont jouissent des portions de l'immeuble en copropriété;

4° l'emplacement et les dimensions des éléments communs.

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, ishyirwaho, imiyoborere, uburyo ibyemezo bifatwa, iseswa n'igabana mu ishyirahamwe ry'abari mu isangiramutungo bikurikiza amategeko y'ubwoko abagize ishyirahamwe bahisemo.

Subject to the provisions of this law, the formation, governance, decision making system, dissolution and liquidation of the association of shall comply with existing laws and regulations governing the form of association chosen by owners.

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, la formation, la gouvernance, le mode de prise de décision, la dissolution et la liquidation de l'association suivent les lois et règlements régissant le type d'association choisi par les copropriétaires.

Ingingo ya 7 : Intego z'ishyirahamwe

Intego z'ishyirahamwe ni izi zikurikira:

1° gufata neza, guteza imbere no gusana ibice rusange biri mu isangiramutungo cyangwa guhindura ibice by'inyuma cyangwa ikindi cyose cyahindura imiterere y'igice cyangwa iy'inyubako yose;

2° kugeza ku bagize ishyirahamwe ibikorwa bya ngombwa bikenerwa bahuriyeho;

3° guhagararira no kurengera inyungu z'abagize ishyirahamwe.

Article 7: Purpose of the association

The association shall have the following objectives :

1° maintenance, development and repair of common elements in the condominium or changes to the exterior of the units or any other change that can affect all or part of the condominium;

2° provision of communal services to members of the association;

3° representation and protection of the interests of the members of the association.

Article 7: Objet de l'association

L'association a pour objectif de :

1° maintenir, développer et réparer les éléments communs en copropriété ou changer l'apparence extérieure ou procéder à tout autre changement pouvant affecter tout ou partie de l'immeuble en copropriété;

2° fournir aux membres de l'association les services nécessaires communs;

3° représenter et protéger les intérêts des membres de l'association.

Ingingo ya 8 : Iyandikisha ry'ishyirahamwe ry'isangiramutugo ku nyubako

Ishyirahamwe rya ba nyir'isangiramutungo ryanditse hakurikijwe amategeko abigenga

Article 8: Registration of the association in a condominium

The association of co-owners in a condominium registered in accordance with

Article 8: Enregistrement de l'association des co-propriétaires d'un immeuble

L'association de copropriétaires d'un immeuble en copropriété enregistrée

riba rifite ubuzima gatozi.

related laws shall be a legal entity .

conformément aux lois en la matière jouit de la personnalité juridique.

<u>Icyiciro cya kabiri</u>: Imitunganyirize y'ishyirahamwe ry'isangiramutungo

<u>Section II:</u> Organization of an association in a condominium

<u>Section II</u>: Organisation d'une association des copropriétaires d'un immeuble

<u>Ingingo ya 9</u> : Ibikorwa biteza imbere ishyirahamwe ry'isangiramutungo

<u>Article 9:</u> Economic activities of the association of co-owners in a condominium

<u>Article 9</u>: Activités économiques de l'association des copropriétaires d'un immeuble

Ishyirahamwe ry'isangiramutungo rishobora gukora ibikorwa biriteza imbere bikurikira:

The association of co-owners in a condominium may carry out the following economic activities:

L'association de copropriétaires peut effectuer les activités économiques suivantes:

1° gukora akazi ka buri munsi, gufata neza no gusana umutungo usangiwe;

1° daily administration of the association, maintenance and repair of the real estate in condominium;

1° administration quotidienne de l'association, maintien et réparation de l'immeuble en copropriété;

2° gushyiraho inyubako z'inyongera n'ibice rusange bikenerwa mu isangiramutungo ku nyubako;

2° construction of supplementary premises and elements of common use in a condominium;

2° construction de bâtiments supplémentaires et des éléments d'usage commun dans un immeuble en copropriété;

3° guhagararira umutungo w'ishyirahamwe, iyo ishyirahamwe rikeneye amafaranga yo gufata neza ibice rusange biri mu isangiramutungo no guteza imbere uwo mutungo.

3° representation of the property of the association, when the association needs funds for maintenance of common elements in a condominium and improvement of this property.

3° représenter le patrimoine de l'association lorsque cette dernière a besoin de fonds de maintien des éléments communs en copropriété et d'amélioration de ce patrimoine.

Umusaruro ukomoka ku bikorwa byo guteza imbere ishyirahamwe ukoreshwa mu kwishyura ibyakoreshejwe kugira ngo uwo musaruro

The income generated by the economic activities is used to pay for economic costs incurred for such income generation

Suivant la décision de l'assemblée générale de l'association, les revenus résultant des activités économiques sont affectés au

uboneke hakurikijwe ibyemezo by'inama rusange.
Umusaruro usagutse ukoreshwa mu bindi bikorwa by'ishyirahamwe.

according to the decision of the general meeting of the association.
The supplementary income shall be apportioned for other activities of the association.

paiement des dépenses engagées.
Le revenu supplémentaire est affecté aux autres activités de l'association.

Ingingo ya 10 : Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako

Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako bikorwa hakurikijwe amategeko agenga imyubakire mu Rwanda.

Article 10: Maintenance of a condominium unit

Maintenance of the immovable property in a condominium shall be done as provided for by laws regulating housing in Rwanda.

Article 10 : Entretien d'une composante d'un immeuble en copropriété

L'entretien d'une composante d'un immeuble en copropriété est fait conformément à la législation sur l'habitat au Rwanda.

Ingingo ya 11 : Inshingano z'ishyirahamwe ry'isangiramutungo

Inshingano z'ingenzi z'ishyirahamwe ry'abari mu isangiramutungo ni izi zikurikira:

1° kugenzura imicungire yose y'isangiramutungo no kwita ku nyungu rusange z'abari mu isangiramutungo;

2° kwita ku mirimo ikorwa ku nyubako iri mu isangiramutungo no kuyongerera agaciro;

3° gutuma abagize ishyirahamwe bose bubahiriza uburenganzira bw'abandi;

4° kugaragaza buri mwaka ibyinjiye

Article 11: Obligations of the association of co-owners

The association of co-owners has the following main obligations :

1° oversee the whole management of the condominium and ensure full protection of common interest of owners in a condominium;

2° maintenance and improvement of the immovable property in a condominium;

3° ensure mutual respect of all co-owners' rights;

4° provide the annual statement of income

Article 11: Obligations de l'association des copropriétaires

Les obligations principales de l'association des copropriétaires sont:

1° superviser la gestion de la copropriété et assurer la protection des intérêts communs des copropriétaires;

2° veiller à l'entretien et à l'amélioration de l'immeuble en copropriété;

3° veiller au respect mutuel des droits de tous les copropriétaires ;

4° élaborer le rapport annuel des revenus et

n'ibyasohotse;	and expenditures;	des dépenses ;
5° kubaka no gusana ahantu hose hahuriweho ku nyubako byaba bisaba gusenya cyangwa kudasenya hakurikijwe amategeko agenga imyubakire;	5° construct and repair with or without demolition of common elements in accordance with laws governing housing;	5° construire et réhabiliter tous les éléments communs avec ou sans démolition conformément à la législation sur l'habitat;
6° gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko n'amategeko-shingiro arigenga;	6° ensure the compliance with laws and Articles of the Association;	6° veiller à l'application des lois et statuts régissant l'association;
7° kubahiriza amasezerano yagiranye n'abandi;	7° execute its contractual obligations ;	7° exécuter ses engagements contractuels ;
8° gukurikirana ko abagize ishyirahamwe bubahiriza inshingano zabo;	8° ensure that all members of the association fulfil their obligations;	8° s'assurer que tous les membres de l'association remplissent leurs engagements ;
9° kwita ku isuku n'isukura no ku mitunganyirize mu bya tekiniki y'ibice bigize inyubako isangiwe;	9° ensure proper hygiene, sanitary and technical condition of the common elements of the condominium;	9° assurer un état hygiénique, sanitaire et technique approprié des éléments communs de l'immeuble en copropriété ;
10° gukora indi mirimo no kugira uruhare mu bindi bikorwa bijyanye n'ibigamijwe mw'ishyirahamwe.	10° perform other activities and be involved in other businesses in line with the purposes of the association.	10° exécuter d'autres activités et être impliquée dans d'autres affaires qui rentrent dans les objectifs de l'association.
Ingingo ya 12 : Ububasha bw'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 12: Powers of the association of co-owners**	**Article 12 : Pouvoirs de l'association des copropriétaires**
Mu bubasha bw'ishyirahamwe ry'abari mu isangiramutungo harimo ubu bukurikira:	Powers of the association shall include:	Les pouvoirs de l'association incluent :

1° guhagararira inyungu rusange z'abanyamuryango mu gihe habaye amakimbirane;	1° representing the common interests of its members in case of litigation;	1° représenter les intérêts communs de ses members en cas de litige;
2° kugirana amasezerano n'abantu yo kwita ku bice rusange byo mu nyubako;	2° concluding contracts for maintenance of the common elements within the building;	2° signer des contrats pour entretenir les éléments communs au sein de l'immeuble ;
3° kugena umubare w'amafaranga asabwa buri wese ufite igice mu nyubako isangiwe hakurikijwe umugabane wa buri munyamuryango;	3° determining the quantum of obligatory fees due by each co-owner in accordance with the co-share participation of each member;	3° déterminer le montant des frais obligatoires dus par chaque copropriétaire, selon la quote-part de chaque membre;
4° kugena amafaranga atangwa na buri munyamuryango yakwitabazwa igihe habaye ibiza cyangwa ibindi bikorwa byaza bitunguranye;	4° determining fees to be paid by each member for dealing with the consequences of calamities or other unexpected activities;	4° déterminer les frais à payer par chaque membre pour faire face aux conséquences des calamités ou autres activités imprévues;
5° gusaba ba nyir'umutungo gutanga amafaranga yose ajyanye n'igihombo cyose cyatewe no kutishyura amafaranga bategetswe gutanga kubera imirimo yo kwita no gusana ahantu hahuriweho mu nyubako basangiye ;	5° demanding co-owners the entire compensation of losses caused by the non-payment of obligatory fees for maintenance and repair of common elements of the condominium;	5° exiger des copropriétaires l'indemnisation entière des pertes causées par le non-paiement des frais obligatoires pour des services, d'entretien et de reparation des parties communes de l'immeuble en copropriété;
6° gusaba inguzanyo mu ma banki ku bintu bifitiye akamaro ishyirahamwe mu gihe nta mafaranga ahagije rifite. Inzira ikurikizwa kugira ngo hemezwe gusaba inguzanyo iteganywa mu mategeko shingiro y'ishyirahamwe;	6° applying for bank loan for any activities that will benefit the association of owners in case of insufficient funds. The procedure for deciding to apply for a loan shall be provided for by the articles of the association;	6° demander des crédits bancaires pour des affaires qui profitent à l'association de copropriétaires et ce, en cas d'insuffisance de fonds. La procédure de décision de demande de crédit est prévue par les statuts de l'association ;

7° kwishyura imirimo yakorewe ishyirahamwe byubahiriza amasezerano yakozwe;	7° paying for the services provided and works performed on the basis of contractual obligations;	7° payer les services fournis et les travaux effectués sur base des obligations contractuelles;
8° kugurisha ibikoresho n'undi mutungo w'ishyirahamwe cyangwa kubikoresha mu bikorwa binyuranye, kubigurana, kubihererekanya n'abandi, cyangwa se kubikodesha hakurikijwe amasezerano y'ikodesha no kubikura mu bitabo by'ishyirahamwe mu gihe byashaje cyangwa byataye agaciro;	8° selling or allocating to different businesses, exchanging, transferring, providing into lease under a lease agreement the equipment, inventory and other material assets and writing them off from the books of the association in the event of wear and tear or full depreciation;	8° vendre le matériel et autres biens de l'association et les affecter à différentes opérations, les échanger, les transférer, les mettre sous bail aux termes d'un accord de bail et les supprimer des livres comptables en cas de leur usure ou amortissement total;
9° gutanga ibirego byo kwishyuza amafaranga ba nyir'umutungo basabwa gutanga mu gihe batishyuye uruhare rwabo ;	9° initiating lawsuits for obligatory payments when the co-owners fail to fulfil their obligations regarding their contribution ;	9° saisir les juridictions pour exiger le paiement des contributions quand les co-propriétaires n'ont pas honoré leurs obligations ;
10° gushyiraho no kubahiriza amabwiriza agenga imyitwarire y'abakodesha ibice by'inyubako n'abandi bahatuye kimwe n'abashyitsi ku bijyanye n'ibice by'inyubako bisangiwe;	10° setting up and enforcing a code of conduct on tenants, residents and guests with regard to the common elements of the condominium;	10° établir et mettre en application un de conduite devant régir les locataires et autres résidents ainsi que les visiteurs en ce qui concerne les parties communes de l'immeuble en copropriété;
11° gufata ibyemezo bijyanye no gutanga cyangwa kudatanga uburenganzira bwo gutanga ibyoroshya ibikorwa bitandukanye byo mu nyubako isangiwe.	11° taking decisions on creation or cancellation of easements within a condominium.	11° décider de la création ou de l'annulation des servitudes au sein de l'immeuble en copropriété.

Ingingo ya 13 : Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe ry'isangiramutungo	**Article 13: Membership in the association of co-owners in a condominium**	**Article 13: Qualité de membre de l'association des copropriétaires d'un immeuble**
Abafite ibice mu nyubako ni abanyamuryango b'ishyirahamwe**.**	Owners of units in a condominium are members of the association.	Les propriétaires des composantes de l'immeuble en copropriété sont des membres de l'association.
Kuba umunyamuryango w'abafite umutungo mu ishyirahamwe bitangira ukimara kwandikwa mu buryo buteganyijwe.	Membership in the association of co-owners commences upon the registration in the established manner.	La qualité de membre de l'association des copropriétaires s'acquiert à partir du jour de leur inscription dans l'association conformément à la procédure prévue.
Inyungu z'abana bata**ra**geza ku myaka y'ubukure, abambuwe ububasha n'inkiko, uwatswe ubushobozi zitabwaho n'ababyeyi babo cyangwa ababahagarariye mu buryo buteganywa n'amategeko.	Interests of minors, those deprived of their capacity by courts and wards of court shall be represented by their parents or guardians in the manner established by the law.	Les intérêts des mineurs, des incapables et de ceux placés sous conseil judiciaire sont représentés par leurs parents ou tuteurs tel que prévu par la loi.
Kuba umunyamuryango bihagarikwa n'urupfu, iseswa ry'ishyirahamwe, n'iyimurwa ry'inyubako ir mw'isangiramutungo ku mpamvu z'inyungu rusange cyangwa indi mpamvu iteganywa mu mategeko shingiro agenga ishyirahamwe.	Membership in the association ceases in case of death, dissolution of the association, expropriation of the condominium or on other grounds provided for in the Articles of Association.	La qualité de membre de l'association cesse en cas de décès, de dissolution de l'association, d'expropriation de la propriété immobilière en copropriété ou pour d'autres raisons prévues par les statuts de l'association.
Mu gihe cy'urupfu cyangwa ishyirahamwe ryivuguruye, abazungura baba abanyamuryango b'ishyirahamwe mu gihe uburenganzira bwabo mu isangiramutungo ku nyubako bumaze kwemezwa.	In the event of death or following the reorganization of the association, the successors become members of the association upon confirmation of their ownership right in the condominium.	En cas de décès ou après la réorganisation de l'association, les successeurs deviennent des membres de l'association après confirmation de leur droit de propriété au sein de l'immeuble en copropriété.

Mu gihe cy'urupfu rwa nyir'igice runaka mu nyubako isangiwe nta muzungura wemewe mu mategeko cyangwa w'irage uhari, itangwa ry'icyo gice rikorwa hakurikijwe amategeko agenga ibyerekeye izungura.

In the event of death of the owner of the unit in a condominium in absence of any legal or testamentary heir, the allocation of the unit shall be determined in accordance with the succession laws.

En cas de décès du propriétaire de la composante de l'immeuble en copropriété en l'absence de tout héritier ou légataire, l'attribution de composante est determinée selon la législation en matière de succession.

Ingingo ya 14 : Ubwishingizi bw'umutungo w'ishyirahamwe

Article 14: Insurance of the association's property

Article 14: L'assurance du patrimoine de l'association

Ishyirahamwe ryishingira umutungo ku cyakwangiza icyo ari cyo cyose.

The association shall insure its property against any risks.

L'association assure son patrimoine contre tous risques.

Ba nyir'ibice byo mu nyubako nibo babifatira ubwishingizi.

The owners of units in a condominium shall insure their own units.

Les propriétaires des composantes de l'immeuble en copropriété souscrivent une assurance pour leurs biens propres.

Iyo umutungo wo mu nyubako isangiwe ufite ubwishingizi wangiritse, amafaranga y'ubwishyu bw'ubwishingizi yishyurwa ishyirahamwe cyangwa umuntu urihagarariye ubifitiye ububasha ngo akoreshwe mu nyungu za ba nyirayo n'iz'abo babereyemo umwenda.

In the case the condominium insured has been damaged, the compensation shall be paid to the association or to its authorized representative for use in the interests of co-owners and their creditors.

En cas de sinistre sur l'immeuble en copropriété assuré, les indemnités d'assurance sont versées à l'association ou à son représentant dûment autorisé, pour être utilisées dans l'intérêt des copropriétaires et de leurs créanciers.

Amafaranga y'indishyi y'ibyangijwe n'impanuka cyangwa ibiza akoreshwa mu gusana ibice bihuriweho mu nyubako isangiwe mu gihe isangiramutungo ku nyubako ritasheshwe biturutse kuri bene izo mpanuka cyangwa ibiza.

The amount of insurance compensation for damages caused by accidents and calamities shall be used for the rehabilitation of common elements in the condominium, when the condominium has not been liquidated as the result of such accidents and calamities.

Le montant d'indemnités d'assurance en cas des dommages causés par des accidents et des calamités est utilisé pour la réhabilitaion et la réparation des parties communes au sein de l'immeuble en copropriété, quand ce dernier n'a pas été dissous comme résultat desdits accidents et calamités.

Muri icyo gihe, uwakiriye indishyi agomba kugabanya amafaranga y'indishyi hakurikijwe uko abagomba kuzihabwa basumbanwa kandi hubahirijwe amategeko.

In such a case, the person who received the amount of compensation shall distribute the funds with respect to the ranks and privileged rights of all creditors in accordance with the law.

Dans ce cas, la personne qui a reçu le montant d'indemnités distribue ces fonds d'indemnisation suivant leur rang et privilèges conformément à la loi.

Amafaranga asagutse hamaze kwishyurwa imyenda yose ivugwa mu mategeko agabanywa ba nyir'umutungo hakurikijwe imigabane buri wese afite mu isangiramutungo ku nyubako.

The funds that remain after payment of all debts defined by the law shall be distributed among the co-owners in proportion to their co-share of participation in the condominium.

Les fonds qui restent après paiement de toutes les dettes dues de par la loi sont distribués parmi les co-propriétaires proportionnellement à leur quote-part au sein de l'immeuble en copropriété.

Ingingo 15: Uburyozwe bw'ishyirahamwe ry'isangiramutungo

Ishyirahamwe ryishingira uburyozwe buturuka ku isangiramutungo utimukanwa, ntiriryozwa ibikorwa by'abanyamuryango baryo kimwe n'uko abanyamuryango nabo batishingira uburyozwe bw'ishyirahamwe.

Article 15: Liability of the association of co-owners

The association shall carry liability in relation to the condominium but shall not carry liability for the obligations of its members; likewise, members shall not carry liability for the obligations of the association.

Articles 15 : Responsabilité de l'association des copropriétaires

L'association assume la responsabilité en rapport avec l'immeuble en copropriété mais n'est pas responsable des actes posés par ses mêmbres; de meme les copropriétaires ne sont responsables des actes posés par l'association.

UMUTWE WA GATATU: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'ABASANGIYE UMUTUNGO MU ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO

CHAPTER III: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF CO-OWNERS IN A CONDOMINIUM

CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DES CO-PROPRIETAIRES D'UN IMMEUBLE

Ingingo ya 16: Ihererekanya ry'ibice bigize inyubako isangiwe

Article 16: Transferability of units in a condominium

Article 16: Transférabilité des composantes d'un immeuble en copropriété

Abafite ibice mu nyubako isangiwe bagira

The owners of units in a condominium shall

Les propriétaires des composantes d'un

uburenganzira bwo kubigurisha, kubikodesha, kubigwatiriza, kubitanga cyangwa kubikoresha mu bikorwa byose by'ubucuruzi byemewe n'amategeko.

have the right to sell, lease, mortgage, transfer or use them in any lawful business transaction.

immeuble en copropriété ont le droit de les vendre, les donner en bail, en hypothèque, les aliéner ou s'en servir dans toute transaction commerciale légale.

Ingingo ya 17: Aho uburenganzira bugarukira

Article 17: Limitations of rights

Article 17 : Limitations des droits

Abafite ibice bidatuwemo bafite uburenganzira bwo gukoreramo imirimo y'ubucuruzi hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko, ibiteganywa mu gutegura aho kwisukurira, uburyo bwo kwirinda inkongi y'umuriro n'ibindi. Ibyo ntibigomba kubangamira uburenganzira bw'abandi bafite ibice muri iyo nyubako kandi bigomba kubahiriza amategeko shingiro agenga ishyirahamwe ry'isangiramutungo.

Owners of non-residential premises have the right to carry out entrepreneurial activities within the premises they own on condition of their observance of legal provisions, sanitary norms, fire-prevention norms and others. They should not undermine the rights of other co-owners and should observe the provisions of Articles of the Association.

Les propriétaires des composantes non résidentielles ont le droit d'entreprendre des activités commerciales au sein de leurs propriétés pourvu qu'ils respectent les dispositions légales, les normes sanitaires, les normes de prévention d'incendie et autres. Ils ne doivent pas empiéter sur les droits d'autres co-propriétaires de l'immeuble et doivent observer les statuts de l'association.

Icyakora amategeko shingiro agenga ishyirahamwe ashobora kugabanya uburenganzira bwo gukoresha ibice by'inyubako bitagenewe guturwamo bifitwe n'abanyamuryango b'ishyirahamwe mu gihe hari impamvu zumvikana zo kurinda uburenganzira n'inyungu z'abandi bantu bafite umutungo muri iyo nyubako.

However, the Articles of the Association may constrain the right of use in relation to non-residential units within the condominium which are the property of the members of the association when such constraint is justified in terms of protecting the rights and interests of other co- owners.

Toutefois, les statuts de l'association peuvent limiter la jouissance des droits inhérents aux composantes non résidentielles au sein de l'immeuble en copropriété appartenant aux membres de l'association si cette limitation est justifiée par la protection des droits et des intérêts des autres co-propriétaires.

Ingingo ya 18 : Umutungo usangiwe mu isangiramutungo ku nyubako

Article 18: Common elements in a condominium

Article 18 : Eléments communs au sein d'un immeuble en copropriété

Ibice bihuriweho n'abantu mu isangiramutungo

The common elements in a condominium

Les éléments communes au sein d'un

ku nyubako hakubiyemo ibice byose by'iyo nyubako bihuriweho n'abantu barenze umwe, ibyo ni nk'ubutaka iyo nyubako iriho, ibikuta, igisenge, amabaraza, imiyoboro y'imyotsi, ingazi, ibyumba bigenewe gukorerwamo imirimo rusange, ibice by'inyubako biri mu nsi y'ubutaka n'amagorofa akorerwamo ibya tekiniki, imiyoboro y'imyanda, ibyuma bizamukamo abagenzi, ahabikwa ibyuma bikoreshwa n'abahanga mu by'ubwubatsi haba imbere mu nyubako cyangwa hanze yayo bikoreshwa ku bice by'inyubako nibura bibiri, ubutaka buhana imbibi n'inyubako kimwe n'ibimera bihari cyangwa ibindi bintu bikoreshwa n'inyubako isangiwe.

include all the parts of the property which are in common ownership for more than one person, such as land on which the building is erected, the walls, roof, terraces, chimneys, stairs, halls, basements and technical floors, garbage conduit, lifts, engineering equipment and facilities from inside and outside units or building which serve at least two units, adjacent land as well as the green perennials thereto and other objects designed to serve the condominium.

immeuble en copropriété incluent toutes parties de la propriété qui sont communes à plus d'une personne tels que le terrain sur lequel l'immeuble est bâti, les murs, le toit, les terrasses, les cheminées, les escaliers, les halls, les sous-sols et les planchers techniques, les conduits d'ordures, les ascenseurs, l'équipement technique et autres aménagements tant à l'intérieur qu'à l'extérieur des composantes ou des bâtiments qui servent au moins deux composantes, les terrains contigus avec leurs jardins ainsi que d'autres objets servant l'immeuble en copropriété.

<u>Ingingo ya 19</u> : Uburenganzira ku mutungo usangiwe

Ibice bihuriweho mu isangiramutungo ku nyubako ni umutungo usangiwe n'abafitemo imigabane. Ibyo ntibishobora guhererekanywa bitandukanyijwe n'ubundi burenganzira ku mutungo w'ibice bigize inyubako.

<u>Article 19:</u> Rights over common elements

The common elements in a condominium are in the joint ownership of co-share owners. The common elements in a condominium cannot be alienated separately from the ownership right in the units which are within the condominium.

<u>Article 19</u>: Droits sur les éléments communs

Les éléments communs au sein d'un immeuble en copropriété sont dans la possession commune des copropriétaires. Les éléments communs au sein d'un immeuble en copropriété ne peuvent pas être aliénées séparément du droit de propriété sur les composantes qui sont au sein de l'immeuble en copropriété.

Hakoreshejwe amasezerano ya ba nyir'umutungo, ibice bihuriweho mu isangiramutungo bishobora guhabwa umuntu umwe cyangwa abantu benshi nk'ingwate

By agreement of co-owners, the common elements may be given as a lien in favour of one or more persons, provided that the rights and interests of the legal owners are

Par accord des propriétaires, les éléments communs peuvent être donnés à une ou plusieurs personnes en garantie, à condition d'observer les droits et les intérêts des

byubahirije uburenganzira n'inyungu by'ababifiteho uburenganzira bwemewe mu mategeko.

observed.

propriétaires légaux.

Ikibanza gihana imbibi kimwe n'undi mutungo uhuriweho mu isangiramutungo ku nyubako bishobora gukoreshwa mu buryo budasesuye n'abandi bantu.

The adjacent land plot and other property in joint ownership in a condominium may be encumbered by the right of limited use of other persons.

La parcelle contiguë et tout autre bien en copropriété au sein de l'immeuble en copropriété peuvent être grevés d'un droit d'usage limité reconnu à d'autres personnes.

Umwe muri ba nyir'umutungo uhuriweho nta burenganzira afite bwo gusaba ko igice cy'ikibanza cyatandukanywa n'ibindi bintu biri mu mutungo uhuriweho.

The owner who has a share in the common elements does not have the right to demand the separation of a part of the land plot from common elements.

Le propriétaire qui a une part dans les éléments communs n'a pas le droit d'exiger la séparation d'une partie de la parcelle des biens qui sont des éléments communs.

Ingingo ya 20 : Uruhare mu isangiramutungo ku nyubako

Article 20: Co-share of participation in a condominium

Article 20: Quote-part au sein d'un immeuble en copropriété

Uruhare rwa buri wese ufite umugabane mu nyubako iri mu isangiramutungo rubarwa hakurikijwe ubuso bw'ibice bwite afite mu isangiramutungo, keretse inama rusange iramutse ifashe icyemezo kibiteganya ukundi.

The participation co-share of each owner in the common elements in a condominium is proportional to the total surface area of the units possessed by the owner, unless the decision of the general meeting states otherwise.

La quote-part de chaque propriétaire dans les éléments communs au sein de l'immeuble en copropriété est proportionnelle à toute la superficie des composantes en sa possession, à moins que l'assemblée générale n'en décide autrement.

Abafite umutungo babyumvikanyeho, uruhare rwa buri wese rushobora kugaragazwa ku buryo butandukanye ku matsinda y'abantu bafite umutungo mu isangiramutungo, bitewe n'imiterere y'ibice bafite mu nyubako.

By agreement of co-owners, the participation co-share may be established differently for various groups of co-owners, depending on the type of units they own in the condominium.

Par accord des copropriétaires, la quote-part peut différer suivant les différents groupes de copropriétaires, selon le type de composantes que ces derniers possèdent au sein de l'immeuble en copropriété.

Ingingo ya 21: Ibihinduka mu isangiramutungo ku nyubako

Ibihinduka mu isangiramutungo ku nyubako bikorwa hakurikijwe amategeko agenga imyubakire mu Rwanda.

Article 21: Improvements to a condominium

Improvements to a condominium shall be carried out in accordance with the law governing housing in Rwanda.

Article 21: Aménagements au sein d'un immeuble en copropriété

Les aménagements dans un immeuble en copropriété se font conformément à la législation régissant l'habitat au Rwanda.

Article 22 : Uburenganzira n'inshingano mu gihe habaye igurisha ry'ibice by'isangiramutungo ku nyubako

Mu gihe habayeho ihererekanya ry'igice cy'isangiramutungo ku nyubako, inshingano n'uburenganzira by'uwari ufite icyo gice byimukira ku muntu ukibonye.

Iyo habaye igurishwa ry'igice kimwe mu isangiramutungo ku nyubako, impande zombi zumvikana ku birebana n'imyenda yaba yarasigawemo irebana n'imirimo ya ngombwa n'ibindi byakoreshejwe. Iyo ntacyo babivuzeho, iyo myenda yishyurwa n'uwaguze.

Article 22: Rights and obligations in case of sale of units in a condominium

In case of transfer of units, the new co-owner takes over all the rights and obligations of the former co-owner in the condominium.

In case of sale of one unit in a condominium, both parties stipulate the terms for settling outstanding debts for utilities and other services. Otherwise, the outstanding debts shall be paid by the purchaser.

Article 22: Droits et obligations en cas de vente des composantes d'un immeuble en copropriété

En cas de transfert des composantes d'un immeuble en copropriété, le nouveau co-propriétaire acquiert tous les droits et obligations de l'ancien co-propriétaire au sein de l'immeuble en copropriété.

En cas de vente d'une composante de l'immeuble en copropriété, les deux parties conviennent sur le règlement des dettes restant dues en rapport avec les services consommés. Dans le cas contraire, le paiement de ces dettes incombent à l'acheteur.

Ingingo ya 23: Inshingano za nyir'igice ku birebana no kwita no gusana igice cy'isangiramutungo ku nyubako

Nyir'igice mu isangiramutungo ku nyubako agomba ubwe gufata neza no gusana ibice

Article 23: Obligations of a unit owner as regards maintenance and repair of a unit in a condominium

The unit owner in a condominium is obliged to maintain and repair the units he/she owns

Article 23: Obligations du propriétaire d'une composante d'un immeuble en copropriété eu égard à son entretien et à sa réparation.

Le propriétaire d'une composante au sein d'un immeuble en copropriété a l'obligation

atunze. Nta burenganzira afite bwo kwangiza cyangwa kugira ibibazo yateza ibice bihuriweho cyangwa se igice gitunzwe n'undi muntu.

and is not allowed to deteriorate or otherwise endanger the common elements or the unit of any other owner.

d'assurer l'entretien et la réparation de son unité. Il n' a pas le droit d'endommager ou de mettre en danger de quelque manière que ce soit les éléments communs ou une composante appartenant à autrui.

Mu gihe yabonye integuza nibura y'iminsi itanu (5), nyir'igice cy'isangiramutungo ku nyubako agomba kwemerera abahagariye ishyirahamwe kwinjira mu gice cye iyo bibaye ngombwa kugenzura, gusana cyangwa gusimbura ibice bihuriweho kandi ibyo bigakorwa igihe nta yindi nzira yo kubigeraho ishobora kuboneka.

Subject to a five (5) day prior notice, the unit owner is obliged to allow representatives of the association to access his/her unit when it deems necessary to perform an inspection, repair or replacement of common elements and when such access is possible only from within his/her unit.

Sous réserve d'un préavis de 5 jours, le propriétaire d'une composante de l'immeuble en copropriété a l'obligation de permettre aux représentants de l'association d'accéder à sa composante quand il s'avère nécessaire d'inspecter, réparer ou remplacer des éléments communs et qu'un tel accès n'est possible qu'à partir de sa composante.

Iyo byihutirwa kugira ngo hirindwe ingaruka mbi cyangwa ibiza, nta nteguza itangwa.

In case of emergency, in order to avoid any dire consequences or calamities, no prior notice shall be served.

En cas d'urgence et pour éviter de graves conséquences ou calamités, l'exigence d'un préavis est écartée.

Kuba nyir'igice runaka adakoresha igice cye cyangwa ibice bihuriweho cyangwa kuba yanga kubikoresha ntibiba impamvu yo kutishyura uruhare rwe mu gusana no gufata neza ibice bihuriweho mu isangiramutungo ku nyubako.

The non-use by the owner of the unit or the refusal to use common elements shall not be reason to exempt him/her from contributing to the common costs for maintenance and repair of the common elements in a condominium.

Le propriétaire d'une composante ne peut pas invoquer la non utilisation de sa composante ou le refus d'utiliser les éléments communs pour être exonéré du paiement de ses contributions aux dépenses d'entretien et de réparation des éléments communs de l' immeuble en copropriété.

Ba nyir'ibice mu isangiramutungo ku nyubako basabwa gukoresha ibyo bice byabo n'ibice bisangiwe icyo byagenewe nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Unit owners shall be obliged to use their units and common elements only in compliance with their designation in accordance with this law.

Les propriétaires des composantes de l'immeuble en copropriété ont l'obligation de n'utiliser leurs composantes et éléments communs que conformément à leur destination en vertu de la présente loi.

<u>Ingingo ya 24</u> : Korohereza cyangwa guhabwa inzira ku mutungo utimukanwa

Ku birebana na buri gice cyo mu isangiramutungo ku nyubako nyir'igice cy'inyubako kigaragiwe agira:

1° uburenganzira bwo gushyigikirwa hasi no mu mpande n'ibice rusange bahuriyeho cyangwa n'ibindi bice badahuriyeho bishobora gukoreshwa gutyo;

2° uburenganzira ku nzira yo gucamo cyangwa ku nzira y'amazi, iy'imyamda, ku migende y'amazi, iya gazi, iy'amashanyarazi, iy'imyanda yakoreshejwe, iy'umwuka washyuhijwe cyangwa wakonjeshejwe n'ibyuma ndetse no ku bindi bikorwa binyuze mu mpombo, mu nsinga cyangwa mu yindi miyoboro biri mu kibanza kirimo iyo nyubako iri mu isangiramutungo kandi bigamije gutuma icyo gice cy'isangiramutungo ku nyubako kibikoresha.

Nyir'igice kigaragira agomba korohereza ibindi bice byo mu isangiramutungo ku nyubako no kubiha inzira.

<u>Article 24:</u> Easements

In respect of every unit in a condominium, the owner of a dominant tenement shall enjoy the following:

1° an easement for the subjacent and lateral support thereof, by the common elements or by other units capable of affording support thereto;

2° easements for the passage or provision of water, sewerage, drainage, gas, electricity, garbage, artificially heated or cooled air, and other services through or by means of any pipes, wires, cables or ducts existing in the land to which the relevant condominium is erected in order to be used by such unit.

The owner of the servient tenement shall be obliged to provide easements for passage to other units in a condominium.

<u>Article 24</u> : Servitudes

Pour chaque composante d'un immeuble en copropriété, le propriétaire d'un fonds dominant jouit des droits suivants:

1° une servitude pour le soutènement d'en bas et le soutènement latéral, par les éléments communs et par d'autres composantes capables de servir comme support ;

2° les servitudes pour le passage ou la fourniture d'eau, de système d'égouts, de drainage, de gaz, d'électricité, d'ordures, de climatiseur et d'autres services par ou au moyen de tous les tuyaux, câbles ou conduits se trouvant dans la parcelle sur laquelle est érigé l'immeuble en copropriété et permettant la jouissance par une telle composante.

Le propriétairre du fonds servant a l'obligation d'accorder une servitude de passage à d'autres composantes de l'immeuble en copropriété.

Nyir'igice mu isangiramutungo ku nyubako kiri hejuru y'ikindi gice cy'iyo nyubako afite inshingano yo gutwikira igice kiri munsi y'inyubako ye.

The owner of an upper unit in a condominium shall be obliged to shelter lower units.

Le propriétaire d'une composante supérieure au sein d'un immeuble en copropriété a l'obligation de couvrir la composante inférieure.

Ubundi burenganzira bujyanye no koroherezwa no gutanga inzira byemezwa n'inama rusange y'ishyirahamwe.

Other rights relating to easements for passage shall be approved by the general meeting of the association.

Les autres droits relatifs aux servitudes de passage sont approuvés par l'assemblée générale de l'association.

Ingingo ya 25 : Isoreshwa ry'ibice byo mu isangiramutungo ku nyubako

Article 25: Taxation on condominium units

Article 25: Imposition des composantes d'un immeuble en copropriété

Buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako hamwe n'umugabane wacyo mu bice bihuriweho n'abandi, gifatwa nk'agace kihagije k'umutungo utimukanwa.

Each unit in a condominium together with its participation co-share over common elements shall constitute a separate parcel of real estate

Chaque composante d'un immeuble en copropriété ainsi que sa quote-part sur les éléments communs constitue un bien immobilier à part entière.

Kubera iyo mpamvu, buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako hamwe n'umugabane wacyo mu bice bihuriweho n'abandi kibarirwa kandi kigasoreshwa ukwacyo. Iyo icyo gice gikoreshwa mu bindi bikorwa bibyara inyungu, nyiracyo yishyura n'indi misoro iteganywa n'amategeko. Ba nyir'umutungo, abakodesha n'abakodesha bagura ni bo baryozwa kutishyurira ku gihe ibice batunze cyangwa bakodesha.

For this reason, each unit in a condominium together with its participation co-share over common elements shall be separately assessed and taxed. Where such unit is used for other income generating activities, its owner shall pay any other applicable taxes. Owners, tenants and lessees shall carry liability for not paying on time for the units they own or rent.

Pour cette raison, chaque composante d'un immeuble en copropriété et sa quote-part sur les éléments communs est calculé et imposé séparément. Lorsque cette composante est affectée à d'autres activités génératrices de revenus, le propriétaire paie d'autres impôts prévus par la loi. Les propriétaires, les locataires et les crédit-preneurs sont tenus responsables du retard de paiement d'impôts pour les composantes qu'ils possèdent ou louent.

UMUTWE WA IV: IYANDIKISHA RY'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IBICE BYAYO

Ingingo ya 26 : Ibyandikwa mu isangiramutungo ku nyubako

Isangiramutungo ku nyubako ryandikwa mu izina ry'ishyirahamwe hakurikijwe imyandikire y'ubutaka. Buri gice cy'isangiramutungo hamwe n'umugabane wacyo mu bice bihuriweho cyandikwa ukwacyo kandi kikaba umutungo utimukanwa wihariye hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Kubera impamvu z'iyandikisha:

1° buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako kigira imbibi zacyo zagenwe n'umupimyi wemewe na Leta. Ku mpamvu z'ipimwa, urukuta rw'imbere ruba ruri mu bigize igice cy'inyubako naho urukuta rwo hanze rukaba rubarwa mu bice bihuriweho;

2° buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako kigira agaciro gashyirwaho n'urwego rwemewe n'amategeko rubifite mu nshingano zarwo.

CHAPTER IV: REGISTRATION OF ACONDOMINIUM AND ITS UNITS

Article 26: Registration subjects in a condominium

A condominium shall be registered in the name of the association of co-owners according to the modalities for land registration. Each unit together with its participation co-share in the common elements shall be registered separately and shall constitute a separate private immovable property according to this law.

For the purpose of registration:

1° each unit in a condominium shall have boundaries established by a surveyor recognized by Government. For the surveying purpose, an internal wall shall be part of the unit, and the external wall, shall be part of the common elements;

2° each unit in a condominium shall have a value fixed by a competent organ.

CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT D'UN IMMEUBLE EN COPROPRIETE ET DE SES COMPOSANTES

Article 26: Sujets d'enregistrement au sein d'un immeuble en copropriété

Un immeuble en copropriété est enregistré au nom de l'association selon les modalités d'enregistrement des propriétés foncières. Chaque composante ainsi que sa quote-part dans les éléments communs est enregistrée séparément et constitue un bien immobilier à part entière en vertu de la présente loi**.**

Aux fins d'enregistrement:

1° chaque composante d'un immeuble en copropriété comporte des bornes établies par un arpenteur agréé par l'Etat. Aux fins d'arpentage, le mur interne fait partie de l'unité, tandis que le mur externe fait partie des éléments communs;

2° chaque composante de l'immeuble en copropriété a une valeur qui est fixée par un organe compétent.

Ingingo ya 27: Igitabo cyandikwamo ibice by' isangiramutungo ku nyubako

Buri muntu wese ufite igice mu isangiramutungo ku nyubako yandikisha igice cye akagiherwa icyemezo cy'iyandikisha. Imiterere y'icyo cyemezo igenwa n'Umubitsi w'Impapuro Mpamo z'Ubutaka.

Umubitsi w'Impapuro Mpamo z'Ubutaka agena, ategura kandi akabika igitabo cyandikwamo inyandiko mpamo z'isangiramutungo ku nyubako.

Igitabo cyandikwamo isangiramutungo ku nyubako gikubiyemo uruhererekane rw'ibitabo kandi buri gitabo kijyanye n'igice kimwe (1).

Article 27: Register for condominium units

Each co-owner in a condominium shall have his/her unit registered and be issued a certificate of registration. The format of that certificate shall be determined by the Registrar of Land Titles.

The Registrar of Land Titles shall determine, prepare and keep the Register of condominium titles.

The condominium register shall consist of series of registers, each relating to one (1) unit.

Article 27 : Registre des composantes d'un immeuble en copropriété

Tout propriétaire d'une composante d'un immeuble en copropriété la fait enregistrer et un certificat d'enregistrement lui est délivré. Le modèle de ce certificat est déterminé par le Conservateur des Titres Fonciers.

Le Conservateur de Titres Fonciers détermine, prépare et garde le registre de titres des immeubles en copropriété.

Le registre d'immeubles en copropriété est composé d'une série de registres dont chacun porte sur une (1) composante.

Ingingo ya 28 : Itambamira n'izindi nyandiko

Mu gihe Umubitsi w'Impapuro Mpamo z'Ubutaka asanze hari itambamira cyangwa izindi nyandiko zigaragara mu gitabo cy'impapuro mpamo zigaragaza umutungo w'igice cyo mu isangiramutungo ku nyubako kandi zigira ingaruka kuri icyo gice cy'inyubako gusa, agomba kubyongera mu gitabo kigaragaza umutungo ku gice cy'isangiramutungo ku nyubako bireba.

Article 28: Caveats and other inscriptions

The Registrar of Land Titles shall, in the case of caveats or inscriptions appearing on the register of title to the unit in the condominium and he/she is satisfied that such caveats or inscriptions affect only a particular unit, endorse such caveats or inscriptions on the register of title to the concerned unit.

Article 28 : Opposition et autres inscriptions

En cas d'opposition ou d'inscriptions sur le registre du titre de propriété de la composante et s'il est convaincu que de telles oppositions ou inscriptions n'affectent que la seule composante particulière, le Conservateur des Titres Fonciers les endosse au registre du titre de propriété de la composante concernée.

Iyo Umubitsi w'Impapuro Mpamo z'Ubutaka adashoboye kwemeza neza itambamira cyangwa izindi nyandiko zigira ingaruka ku bice runaka by'isangiramutungo, ashobora komekaho inyandiko ishyirwa mu gitabo cy'inyandiko mpamo ngaragazamutungo ivuga ko ibyo bice bifite itambamira cyangwa izindi nyandiko zibifiteho ingaruka aho kuzigaragaza cyangwa kuzivuga mu ncamake.

Ingingo ya 29 Amafaranga yo kwandikisha isangiramutungo ku nyubako

Iyandikisha iryo ari ryo ryose ry'isangiramutungo ku nyubako, inyandiko, itambamira, ihererekanyamutungo, ifunguza ry'igitabo gishya cyangwa inyandiko zimenyesha ryishyurwaho amafaranga ateganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite Ubutaka mu nshingano ze.

UMUTWE WA GATANU: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 30: Guha agaciro iyandikisha ry'uburenganzira mu isangiramutungo ryakozwe

Inyandiko z'iyandikisha zatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha mbere y'uko iri itegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda zigomba guhuzwa n'ibisabwa n'iri

Where the Registrar of Land Titles is unable to ascertain to his/her satisfaction the caveats or inscriptions which affect the particular units, he/she may, instead of setting out or summarizing them, attach a statement to the effect that the unit is subject to the caveats or other inscriptions in the register.

Article 29: Condominium registration fees

Any condominium registration, inscription, caveat, transfer, opening of a new register or lodgment of notification shall be charged a fee determined by an Order of the Minister in charge of lands.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 30: Validation of existing condominium registration

Existing certificates of condominium registration issued by a competent organ prior to the publication of this law in the Official gazette of the Republic of Rwanda

Lorsque le Conservateur des Titres Fonciers ne parvient pas à s'assurer au delà de tout doute raisonnable que les oppositions ou inscriptions affectent certaines composantes, il peut, au lieu de les exposer ou les résumer, ajouter une note au registre de titre de propriété de la composante mentionnant que cette composante fait l'objet d'opposition ou d'inscriptions.

Article 29: Frais d'enregistrement d'un immeuble en copropriété

Tout enregistrement d'un immeuble en copropriété, inscription, opposition, transfert, ouverture d'un nouveau registre ou notifications est opéré à la suite du versement d'un montant déterminé par Arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 30: Validation de l'enregistrement effectué pour les immeubles en copropriété

Les certificats d'enregistrement des immeubles en copropriété délivrés par l'organe compétent avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la

tegeko mu gihe kitarenze imyaka itatu (3).

shall conform to the requirements of this law in a period not exceeding three (3) years.

République du Rwanda doivent se conformer aux exigences de la présente loi dans un délai ne dépassant pas trois (3) ans.

Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 31: Drafting, consideration and adoption of this law

This law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda

Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko zibanziriza iri kandi zinyuranije naryo zivanyweho.

Article 32: Repealing of inconsistent provisions

All prior legal provisions inconsistent with this law are hereby repealed.

Article 32 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 33: Commencement

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 33: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 07/05/2010

Kigali, on 07/05/2010

Kigali, le 07/05/2010

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux